



INKINGI
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces



(: (+250) 728636000

+ info@fdu-rwanda.com

(: (+32)478973762

(: (+33)650293997

(: (+44)7982381717

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

COMITE DIRECTEUR – STEERING COMMITTEE

“Pour un Etat de Droit, la Democratie et l’Egalité de chances” ; “For the rule of law, democracy and equal opportunity”

Kigali, kuwa 16 Ukwakira 2014

**Ishyaka FDU-Inkingi riramagana iyicwa ry’umuturage witwa
Musirikare Emmanuel wakubiswe n’inzego z’ibanze na polisi kugeza apfuye!**

Mu Mudugudu wa Byimana, Akagali ka Cyembogo, Umurenge wa Matimba mu Karere ka Nyagatare haravugwa urupfu rw’umugabo witwa **Musirikare Emmanuel** bakunze kwita Kamukara rwabayeye kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 11 Ukwakira 2014 wakubishwe kugeza ashizemo umwuka ubwo yahondagurwaga na polisi yo muri uwo Murenge ifatanyije n’Umuyobozi w’Akagali ka Cyembogo witwa **Mukarugwiza**. Ikibabaje mu rupfu rw’uyu muturage ni uko abamukubise bari bahagarikiwe n’umupolisi mukuru witwa **Gatambira** ukuriye polisi mu Mirenge ya Matimba na Kagitumba!

Abaturage batumenyeshye ko uyu mugabo yakubitanywe n’umugore we witwa **Uwamahoro** wari unatwite akaba yarakubiswe imigeri n’umuyobozi w’Akagali ubwo yabazaga icyo umugabo we arimo kuzira kandi ibyo bamubaza yari yaberetse mu nzu ye hose ntihagire ibyo babonamo. Uyu mugore nawe ngo kubera uyi migeri yakubiswe mu nda kandi yaratwite yatangiye kuva cyane aza kujyanwa n’abaturanyi ku kigo nderabuzima cya Kagitumba nacyo kimwohereza mu bitaro bya Nyagatare aho yavuyemo kuwa Kabiri tariki ya 14 Ukwakira 2014. Uyu mubyeyi yarusimbutse ariko ahinduwe umupfakazi dore ko kubera ukuntu yari arembye cyane ntiyanabashije gushyingura umugabo we!

Intandaro y’iri hohoterwa isa n’ishingiye ku ivanguramoko nk’uko abaturage bahatariye babyemeza ariko uwishwe we yatewe iwe hitwajwe isakwa aho Umuyobozi w’Akagali yamushinjaga ko afite inzoga ya waragi mu nzu ariko bakaba ntayo bigeze babona, dore ko mbere yo kumukubita kugeza apfuye babanje no gusaka inzu ye yose ariko ntibagira icyo babona. Nyuma yo kubura ibi bashinjaga uyu nyakwigendera, uyu muyobozi w’Akagali yahamagaye polisi ngo ize imufashe gukubita uyu muryango ngo uvuge aho kanyanga (warage) bakekwaga ho yagiye kandi ateguka ko nibatayerekana bakubitwa kugeza bapfuye!

Polisi ihageze koko yasubukuye inkoni uyu muryango wari wabanje gukubitwa na Gitifu maze nyir’urugo akomeza guhakana avuga ko arengana ko ibyo ashinjwa ntabyo afite, maze polisi ihitamo kujya kumukubitira kuri station ya polisi ya Matimba, kandi koko ijoro ryose baramukubise nawe akomeza guhakana kugeza ashizemo umwuka! Mu gitondo cyo ku Cyumweru tariki ya 12 Ukwakira 2014 polisi yazanye umurambo w’uyu mugabo iwe ngo ashyingurwe maze abaturage bavuzababaza ukuntu uyu mugabo yakubitwa kugeza apfuye kandi ngo yari inyangamugayo! Abaturage kubera uburakari ngo batangiye guterara hejuru cyane, maze polisi yari izanye uyu murambo ikorwa n’ikimwaro iwusubizayo kubera ko abaturage bari bamaze kuvuga ko polisi ari yo igomba kuwuhamba kuko ariyo yishe uwo muntu kandi imurenganya!

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, (+44)7982381717, info@fdu-rwanda.com

<http://fdu-rwanda.com>,

<http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Nyuma y'iki gikorwa ngo muri uyu Mudugudu bwakeye buri rugo rwagoswe n'abapolisi maze bambika amapingu buri mugabo wo muri ako gace, ababashije gucika barahunga, abafashwe babapakira imodoka bajya kubafunga, banabategeka ko bagomba kujya bavuga ko uyu muntu yishwe no kunywa waragi nyinshi, banihanyiza umuntu wese uri bwongere kubangamira igikorwa cyo gushyingura uyu muntu ko nawe ari buhure n'akaga atigeze abona, bityo umurambo w'uyu muturage uba urashyinguwe ku ngufu! Muri ayo mabwiriza ariko ngo hari umuturage w'umucikacumu watinyutse kubaza abo bapolisi ukuntu bashobora kwica umuturage w'inyangamugayo mu Mudugudu azira gukekwa ho icyaha kandi nta gihanga (ikimenyetso) berekana? Uyu muturage ngo yahise yukwa inabi cyane n'Umuyobozi w'Akagali amubwira ngo "**muja guhunga mu w'i 1959 uribuka icyabajanyeye?**" Uyu muturage ngo yahise aruca ararumira maze n'abandi baturage bari bagifite amakare yo kubaza impamvu y'urupfu rw'uyu muturage ngo baba bumvise ko ikibazo atari kanyanga cyangwa warage yashakwaga ko ahubwo urupfu rw'uyu muntu rushobora kuba rushingiye ku zindi mpamvu!

Dushingiye kuri iriya mvugo y'iriya ngirwamuyobozi w'Akagali biragaragara ko uyu muturage yaba yarahohotewe kariya kageni hashingiye cyane kw'ivanguramoko kuko nta kuntu wahuza impamvu urupfu rw'iriyanzirakarengane n'ibyo mu w'i 1959. Ibi bisobanuye ko umuturage utuye muri kariya Karere utarahunze mu w'i 1959 kumwica ari nta kibazo gihari!

Ikindi kibabaje ni uko uyu muturage akimara kwicwa bamwe mu baturage bari bagiye bagaragaza kutishimira ubu bugizi bwa nabi batawe muri yombi nabo barahondagurwa cyane ndetse ngo bahatirwa ko bagomba gufungurwa ari uko bemeye ko nibasohoka baragenda bemeza ko uwo muturage yishwe n'inzoga. Cyokora abo baturage ngo banze ibyo babwirwaga ku buryo n'ubu bagifunze! Abo twabashije kumenya bagifunze ni abitwa: **Furaha Dani, Murasandonyi, Sekabanza,** na **Nshimiye**.

Nyuma y'uru rupfu rw'agashinyaguro abatariye aka Karere basa n'abakutse umutima. Ubwoba ni bwose ku buryo ndetse bamwe bahise bahungira mu gihugu cy'Ubugande gihana imbibi n'Akarere ka Nyagatare. Abahasigaye nabo ngo bihanangirijwe ko ntawe ugomba kuvuga iby'urwo rupfu!

Uyu mugabo wishwe asize umugore n'abana babiri! Akarere ka Nyagatare gakunze kuvugwa mu ivanguramoko n'ivanguraturere bikomeye ndetse ugasanga n'inzego z'ubuyobozi zaho zisa n'izibishyigikiye! Igitangaje ni uko nta muntu n'umwe wigeze afatwa ngo akurikiranwe kuri uru rupfu rw'uyu muturage, bigasobanura ko n'inzego zindi zaba zititaye ku rugomo rwakorewe uyu muryango!

Ishyaka FDU-Inkingi ryifatanyije n'umuryango w'uyu muturage wambuwe ubuzima n'abakagombye kumurengera kandi rihangayikishijwe n'urupfu rw'uyu muturage, cyane cyane ko bigaragara ko mu kumwica bisa n'ibyashingiye kw'ivanguramoko! Turasaba ko ibi bikorwa bya kinyamanswa byahagarara kandi aka Karere ka Nyagatare n'abayozzi bako bikabazwa n'amategeko iby'urupfu rw'uyu muturage wishwe urw'agashinyaguro!

Turasaba kandi ko bariya bantu bafunzwe hagamijwe kubahatira kwemeza ibinyoma ku rupfu rw'uriya muturage bahita barekurwa nta yandi mananiza. Ntitubona inyungu abayobozi bahagarariye Leta nzima bafite mu kwigisha abaturage bayo kubeshya hagamijwe kwambura abantu ubuzima nta nkomyi!

FDU-Inkingi
Boniface Twagirimana
Visi-Perezida wa Mbere

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, (+44)7982381717, info@fdu-rwanda.com

<http://fdu-rwanda.com>

<http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>